

# IHOGOZA IYUMVIRE IGIHOZO

Alexandre Kimenyi

Hobe hoho ry'ihogoza  
Wihogora reka nkwihozeze  
Wibuke ko ihora ihoze  
Abaguhohotera ubihorere  
Ihumekere humura  
Amahoro yongeye guhumura

Icara wicecekere  
Abo bagucunaguza  
Bagakomeza kugucokoza  
Uko ibicu byicuma  
Nabo ni ko bacogora.

Bariya bigizize ishyano  
Bakiyambika ishyira  
Bakiha gushyanuka  
Bakakubuza ishya  
Kubera ishyari  
Iyabo igeze ku mashyi

Wishengurwa n'ishavu  
Kuko abawe bashize  
Uri ishingiro nshongore  
Uri ishami ry'ishema  
Ishabi y'umugisha

Wigira ngo ndi uwa nde  
Ndeka nguhendahende  
Ngw'ino unjye iruhande  
Iyi mvura ihinda  
Ntigutere agahinda  
Ngiye kuyihinda.

Tebaguza unsanga  
Ngusanganirane ubwuzu  
Dusangire umunezero  
Dusanzwe turi amasonga  
Abasangwa batuvugire ho imisango

Reba ibyo birezi  
Wahaye ubwo burere  
Wihanagure amarira  
Uruhuke ibiriyo

Wibuke uri ku kiriri.

Ruriya rucanda  
Rucanamo rwicunda  
Rurimo bucura  
Rumaze gucakura  
Ruzagucurangira candari.

Kwezi k'Ukwakira  
Kwaka kwasanya  
Ni jyewe ukwiriye  
Ndi umukwe w'igikwerere  
Inkwakuzi ibasha inkwaya

Simbi reka ngusimbize  
Nta nyambo igusumba  
Aya si amagambo  
Ubaze n'abashumba  
Wowe wampaweho ishumbusho  
Uri igihimbaza abahimbyi.

Ntuhondobere ruhongore  
Ntuhondoke nk'ihondera  
Urwuri rumaze guhonga  
Ikivuguto n'umuhondo birahari  
N'ibihogo ndabiguhongera

Reka ngusige ibisage  
Ngusasire ususuruke  
Ngusegure unsekere  
Nguhunde ibisigo  
Usinzire nkigusingiza

Ndi umuhanga byahamye  
Ndi umuhanzi wemewe  
Nzagucuranga disi we  
Ku nanga shenge we  
Nkurate ubwo buranga.

Kunda unyurwe se inyamamare  
Abagome ndabamama  
Ureke mama nkwanamaze  
Nkurate nanamiza  
Ndirangure namagana  
Amaganya akugana.

Nzobe izira inzarwe  
Ugire inzozi nziza  
Unyure inzira itazigura  
Ukwezi ni kuba inzora  
Uzirikane inzoza  
Maze inzuzi zere.

Ni ukumbura inyamibwa  
Ukabura izo nyana  
Ziragiwe n'inyange  
Ukananirwa kunyurwa  
Jya ureba ziriya nyenyeri  
Zinyanyagiye ikirere.

Muri biriya bicu by'amarebe  
Urora bibereye ijuru  
Abera ku mubiri  
Ni ho basigaye bibera  
Bicaye ku irebe  
Ngo bahore bakureba.

---